

REPUBULIKA Y'U RWANDA



IKIGEGA CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTSURA AMAJYAMBERE Y'ICYARO

RLDSF

Gikondo-Remera road

New CSR building (1st -3rd floor),

P.O. Box 7305 Kigali, Phone: (250) 588191,
Fax: (250) 588190, Email: cdf@rwanda1.com

Web site: www.rldsf.gov.rw

SEREVISI ZIHABWA ABATUGANA

Ukuboza, 2011

AMASHAKIRO

IRIBURIRO.....	3
I.INTANGIRIRO	10
II.ICYEREKEZO.....	10
III.INTEGO	10
IV.IBIKORWA BY'INGENZI	10
V.INDANGAGACIRO Z'INGENZI	11
Serevisi zitangwa n'ikigega cy'igihugu gitsura amajyambere y'icyaro	11
Serevisi zitangwa n'ishami ry'iterambere ry'ubukungu.....	11
Gusesengura imishinga itangwa n'inzego z'ibanze.....	11
Ubwoko bwa serevisi: Gusesengura imishinga	11
Serevisi zitangwa n'ishami rirengera imibereho y'abaturage.....	15
Gutanga inkunga ku batishoboye.....	15
Gutanga amafaranga	16
Gutanga inguzanyu igamije kuzamura abakene	16
Gutanga inkunga y'amafaranga	18
Ikigega kirwanya ubukene	18
Kurwanya Ubukene	20
Ubwoko bwa serevisi: Guha abakene imirimo rusange ibafitiye inyungu mu rwego rwo kurwanya ubukene	20
Kurwanya ubukene binyuze m' UBUDEHE	24
Ubwoko bwa serevisi: Gutera inkunga abakene nyakujya n'imishinga mu midugudu.....	24
Serevisi zitangwa n'ishami rishinzwe guhuza serevisi z'itezimbere ry'abaturage Inzira zinyurwamo kubona amafaranga yishyurwa ku mirimo rusange yakozwe	25
Ubwoko bwa serevisi: Ubuyobozi bw'igihugu imisoro n'amahoro	25
Gutanga amasoko binyuze mu kigega cy'igihugu	29
Ubwoko bwa serevisi: Ubuyobozi bw'igihugu imisoro n'amahoro	29
Serivisi zitangwa n'Urwego rw'Ubuyobozi rushinzwe igenamigambi, kugenzura	31

IRIBURIRO

Nejejwe no kubagezaho iki gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa abaturage n'ikigegea cy'igihugu gishinzwe gutsura amajyambere y'icyaro.

Iki gitabo cyateguwe hashingiwe kuri gahunda y'Igihugu y'Ivugurura rifite icyerekezo cyo kuzamura ubushobozi bw'abakozi n'ibigo, hagamijwe kandi gutanga serivisi zinoze hanagerwa ku ntego nkuru y'Iterambere ry'Igihugu. Nanone ibi bigakorwa bigamije gusubiza ibibazo by'abaturage, bigakorwa mu mucyo kandi abantu bakabazwa ibyobakora.


Iki gitabo kigaragaza uruhare rw'ikigegea cy'igihugu gitsura amajyambere y'icyaro mwitangwa rya serivisi mu Rwanda cyikanerekana serivisi zitangwa ibikenerwa kugira ngo uzihabwe. Kikagaragaza kandi urutonde rwaho izo serivisi zitangirwa nibyo amategeko yemerera umuntu kugira ngo abone izo serivisi.

Ishyirwaho ry'iki gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa abatugana ryerekana ubushake ikigegea cy'igihugu gitsura amajyambere y'icyaro gifite mw'itangwa rya serivisi nziza kandi zihuse.



NKUNDA Laetitia

Umuyobozi mukuru



Iki Gitabo kigaragaza serivisi RLDSF igenera abayigana. Ni muri urwo rwego musanga gikubiyemo serivisi zitandukanye n’aho zitangirwa, uburyo zitangwa, igihe zitangirwa, n’Uburyo abatanuzwe na Serivisi bahawe banyuramo bagaragaza ibibazo kugira ngo barenganurwe. Iki gitabo kigaragaza izi ngingo zikurikira:

- icyerekezo n’Intego bya RLDSF byerekana ubushake bwo gutanga serivisi nziza kandi zinoze muri ubu buryo bukurikira:
 - Ubunyangamugayo
 - Hubahirizwa amategeko
 - Mu bwitonzi n’Ubupfura
 - Mu bwumvikane
 - Mu kuri no kudatoranya
 - Mu mucyo
 - Kugaragaza ibyo ikora
 - Gukorera ku gihe
 - Gutanga serivisi nziza kandi ku gihe cyabigenewe.
- Isesengura rya serivisi zitangwa na RLDSF:
 - Kugaragaza neza serivisi zitangwa na RLDSF,
 - Kwerekana Ishami serivisi zitangirwamo. Muri ubu buryo Abaturage bazamenya neza Ishami cyangwa Ibiro bagana, bityo bahabwe serivisi badatakaje igihe n’Ingufu zo gutegereza;
 - Kugaragaza igihe nyacyo bitwara buri serivisi itangwe. Ibi bizaha abaturage amakuru y’ingirakamaro bibarinde guhora mu nzira no gukubita amaguru y’ubusa.
 - Gushyiraho ibipimo bya serivisi nziza hagaragazwa amasaha bitwara kugira ngo umuturage abone iyo serivisi, uburyo izo serivisi ziboneka, ukuri kuba kuri mu itangwa ry’izo serivisi, icyizere cyo gukomeza kubona izo serivisi, niba umuturage ashobora kuyigeraho, uburyo yumvikanishwa, mu kuri, uburemere bifite n’ubwitonzi mu gutanga serivisi; Hashingiwe kuri ibi, Abaturage bashobora kwizera gutera imbere
 - Amakuru nyayo ku nyandiko zisabwa n’uburyo bwo kubona serivisi muri RLDSF. Urugero, ibyangombwa bikeneye kwerekanywa, n’impapuro zigomba kuzuzwa n’umuturage ushaka serivisi.
- Gusobanura neza Abaturage, ibyiciro by’abantu bemerewe kwaka buri serivisi itangwa na RLDSF.

- Kugaragaza Abakozi bashinzwe gutanga izo serivisi n’aho babarizwa ndetse n’uburyo bwo kubahamagara cyangwa kubandikira igihe bibaye ngombwa.
- Uburyo bwo kurenganurwa igihe udahawe iyo serivisi cyangwa se uburyo wayihawemo butakunogeye.
- Uko umuturage ashobora gutanga inama n’ibitekerezo ku buryo buhoraho hagamijwe guteza imbere no kunoza imitangire ya serivisi muri RLDSF.
- Amakuru n’uburyo bwatuma serivisi za RLDSF zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera.

Iki Gitabo kirimo serivisi zihabwa abaturage ni igikoresho cyo kugeza amakuru ahagije kandi asobanutse ku bagana serivisi za RLDSF no gushyiraho ibipimo hagamijwe kwimakaza umuco wo gukorera m’ukuri Nzego za Leta. Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kizatuma abagana serivisi za RLDSF bazahabwa serivisi zihuse binarandure umuco wo gutinza serivisi byagaragaraga mu itangwa rya serivisi mu Nzego za Leta.

Hashingiye ko ko serivisi zigomba kujyana n’ibyifuzo by’Abaturage, RLDSF yiyemeje kubamenyesha Serivisi bashobora gusaba, inshingano n’uburenganzira bwabo igihe bashaka izo serivisi.

Kubera ko RLDSF isanga itakora ibi yonyine, niyo mpamvu isaba Abaturarwanda guhoza ijisho ku bakozi bayo kugira ngo bakorere ibibakwiye, bibereye, kandi bifite ireme no gutanga amakuru asobanutse kuri serivisi bifuzwa no gukuraho inzitizi zose zatuma itangwa rya serivisi ridatera imbere.

Mu by’ukuri, kugira ngo ishyirwamubikorwa ry’iki Gitabo gikubiyemo serivisi rishoboke, RLDSF yizeye ko hazakomeza kubaho ubufatanye no guhana amakuru n’abaturage bayigana bashaka serivisi. Kubera iyi mpamvu RLDSF yashyizeho uburyo bunoze bwo bwo kugisha inama abagana serivisi zayo:

- Ifishi cyangwa urupapuro byandikwaho ibitekerezo n’inama zitangwa muri buri Shami;
- Agasanduku k’ibitekerezo kaboneka aho binjirira;
- Umunsi w’Imurikabikorwa
- Amatsinda ngishwanama ahuriwemo n’Abagana serivisi za RLDSF
- Umurongo wa telefoni utishyurwa;
- Gukora anketi n’iperereza ku bagana serivisi za RLDSF gusesengura imibare n’imiterere y’ibibazo by’abatishimiye serivisi bahawe
- Uburyo bwo kurenganurwa no gukemura ibibazo bugaragaza inzira abagana RLDSF banyuramo batanga ibitekerezo kuri serivisi bahabwa.

Iki Gitabo cyerekana neza ingamba zafatwa igihe serivisi zidatanze uko bikwiye. Niyo mpamvu rero RLDSF ishishikariza abagana serivisi zayo gutanga inama ku bibazo babinyujije mu buryo buhari bwagenwe bwo kugaragaza ibibazo, bworoshye gukoreshwa kuri buri wese. RLDSF izakira ibyo bibazo by'abayigana ibigire ibyayo ikabikemura kandi mu gihe kitarambiranye. Mu buryo bushoboka, igihe cyo kwakira no gukemura ibibazo cyashyizweho. RLDSF irifuzaga gufatanya mu buryo bunoze n'abayigana mu gukemura ibibazo by'imitangire ya serivisi. Izi ngingo z'ingenzi nizo zizubahirizwa mu gihe cyo gushyira mu bikorwa iki gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na RLDSF:

- Gutangiza uburyo buhoraho abasaba serivisi batangamo ibibazo. Uburyo bushoboka buzakoreshwa bugizwe n'urubuga rwa interineti, kohereza ubutumwa bwanditse kuri telefoni, no gukusanya amakuru ku basaba serivisi aho zitangirwa, udusanduku tw'Ibibazo, iyakure hamwe na telefoni.
- Kugena abashinzwe gukemura ibibazo no kwerekana uburyo bwo gukemura ibibazo imbere hagamijwe gukemura buri kibazo bakiriye.
- Gushyiraho uburyo bugezweho bukoreshwa imbere muri RLDSF mu gutondeka ibibazo. Ibibazo bishoboka ko byakwandikwa mu buryo busanzwe cyangwa ubushobozi bwaboneka, hagakoreshwa mudasobwa mu buryo butuma ibona igihe nyacyo cyo guhuza imibare.
- Gushyiraho ingengabihe yo gukemura ibibazo, harimo n'igihe cyo kumenya kwakira ibibazo, igihe gikenewe cyo kurangiza iperereza kuri buri rwego, n'igihe cyo kumenyesha abasaba serivisi aho RLDSF igeze mu iterambere.
- Kwemeza uburyo buzakoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza ibipimo mu itangwa rya serivisi.
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura inzira zo gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe.

Mu rwego rwo gushyigikira guhanahana amakuru, inama no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo, RLDSF yiyemeje gukoresha itangazamakuru n'ikoranabuhanga rishya, n'ubundi buryo bugezweho nk'ubutumwa bwanditse kuri telefoni, umurongo wa interineti, n'ubundi nka twitter na facebook, n'ibindi binyuranye, cyangwa uruhurirane rw'iyoyi miyoboro y'ikoranabuhanga.

Mu guteza imbere imitangire ya serivisi, RLDSF iteganya gukoreshwa ibikoresho tekini zikurikira mu ishikirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa Abaturage:

- Gukora iperereza hagamijwe gukusanya no kumva icyo Abaturage bavugaga kuri serivisi bahabwa;
- Gukurikiza ibyiza byakozwe ahandi;
- Isuzumamikorere;
- Amahugurwa, gucunga no kongera ubumenyi;
- Guha ubushobozi no gutanga uburenganzira ku nzego zo hasi zitanga serivisi;
- Kwihutisha ikemurwa ry'ibibazo byabagejewe;
- Gucunga amakuru.

Hashingiwe ko amakuru ari inkingi nkuru mu gushyirwa mu bikorwa no gukurikirana uko serivisi zigera ku baturage, iki Gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na RLDSF kizagera ku baturage hifashishijwe uburyo bunyuranye bw'itumanaho no guhana amakuru, bityo gitangazwe ku mugaragaro binyujijwe ku rubuga rwa interineti, radio, ibinyamakuru n'izindi nzira zishoboka kugira ngo kigere ku bantu bose. Kubera iyi mpamvu, RLDSF irashaka gukoresha iyi miyoboro ikurikira hamwe n'uburyo bwose bwatuma serivisi zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera :

- Serivisi ishinzwe kwakira abagana Inzego no guhuza amakuru.
- Umunsi w'Imurikabikorwa /Umunsi wo kugaragaza ibyagezweho
- Gutegura no kunyuzwa mu icapiro inyandiko n'ibikoresho byamamaza:
 - Inyandikompine zitandukanye zamamaza,
 - Ibyapa
 - Ibiganira mbwirwa ruhame cyangwa bigenewe abanyamakuru
- Kwandika no gusohora udutabo: gukora inyandiko zamamaza cyangwa udutabo. Amakuru ari muri utu dutabo agomba kuba asobanura ingingo nyazo, zisobanutse kandi yoroshye kumva. Izi nyandiko zikajya ziboneka ku buryo bworoshye;
- Gusohora Igitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kikananikwa imbere y'Iburo kikanashyirwa ku rubuga rwa interineti;
- Kubinyuzwa mu matangazo no kubicisha mu binyamakuru bitandukanye;

- Ubutumwa bwo gucishwa kuri radiyo na televiziyo;
- Ibiganiro mbwirwa ruhamwe kuri radiyo na televiziyo;
- Interineti n'Uburyo buhoraho bwo kuvugurura imiyoboro n'imbuga za interineti z'Inzego za Leta:
 - Gushakisha imiyoboro
 - imbuga za interineti rusange
 - imbuga za interineti ahuriweho n'Inzego zitandukanye
 - urubuga rwa interineti rwihiye
- Ubutumwa bugufi bwanditse buyobora abantu aho baja bagahabwa serivisi;
- Gukwirakwiza kopi z'nyandiko mu bahagarariye inzego za Leta n'abafatanyabikorwa;
- Amakuru mu binyamakuru;
- Inama n'ibindi bikorwa bigamijwe guteza imbere itangwa rya serivisi.
- Amahugurwa agamije gutanga imirongo migari ku bakozi n'ababahagarariye ku birebana n'itangwa rya serivisi.
- Ubundi buryo (urutonde rw'inyandiko, n'ihuriro ry'Imbuga za interineti).

Muri make, Abagana serivisi zacu bagizwe n'Abashakashatsi, Abanyeshuri, Inzego zigenga, Abaterankunga, Imiryango mpuzamahanga, Abaturage, Inzego z'ibanze, n'Abaturarwanda muri rusange.

Ibyo Twiyemeje gukorera abagana serivisi zacu:

Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kigaragaza ubushake bwa RLDSF bwo kuba indashyikirwa mu guha Abaturage n'abafatanyabikorwa serivisi zinoze kandi mu buryo bwihuse. Ni muri urwo rwego twitangiye kubaha serivisi neza uko bikwiye, mu mutuzo n'umutekano kandi mu bushishozi. Tuzaharanira gutanga serivisi zacu mu bunyangamugayo.

Ibyo dutegereje ku bagana serivisi zacu:

Kugira ngo tubahe serivisi neza, mwadufasha kuzamura imikorere mu buryo bukurikira:

- Gufata neza abakozi ba RLDSF mu bwitonzi kandi mubahesha icyubahiro;
- Kubaha amategeko n'amabwiriza agenga Imitangire ya serivisi mu Nzego z'Ubumwe;
- Gutanga inama ku buryo kunoza serivisi zitangirwa muri RLDSF;

- Guhanahana amakuru ku buryo serivisi zitangwa muri RLDSF binyujijwe mu miyoboro inyuranye ry'itumanaho rikoresha Ikoranabuhanga rigezweho;
- Kwakira ibibazo byose, inama n'ibitekerezo birebana na buri serivisi no kubishakira ibisubizo bikwiye.

Aho wabariza:

Ikigega cy'igihugu gitsura amajyambere y'Icyaro (**RLDSF**)

Location: On Gikondo-Remera road
New CSR building (1^{rst} -3rd floor),
P.O. Box 7305 Kigali, Phone: (250) 588191,
Fax: (250) 588190, Email: cdf@rwanda1.com
Web site: www.rlds.gov.rw

Tuzakira, twemere kandi tunashakire ibisubizo ibibazo byose twakiriye mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi. Mu gihe ikibazo kizaba gisaba gukorerwa iperereza rihagije n'igihe cyo kugikemura, tuzakumenyesha igihe nyacyo cyo kuza gufata igisubizo.

I.INTANGIRIRO

Ikigega cy'igihugu gitsura amajyambere y'icyaro n'ikigo cy'igihugu cyashyizweho n'itegeko nimeru **41/2010** ryo kuwa **25/11/2010**. Cyashyizweho kugira ngo gishyire mu bikorwa politike y'u Rwanda yo kwegereza abaturage ubuyobozi.

Ikigega cy'igihugu gitsura amajyambere y'icyaro gitera nkunga ibikorwa by'iterambere, urugero, gutera inkunga imishinga y'amajyambere nko kwubaka imihanda mu turere no mu mujyi wa kigali.

Iki kigega cy'igihugu gitsura amajyambere y'icyaro kirwanya guca ubukene gihereye mu mirengi ikenye, guca ubukene mu midugudu binyuze muri politike y'ubudehe, no guha akazi abaturage kabafitiye inyungu. Iyi nkunga iterwa inzego z'ibanze gusa.

II.ICYEREKEZO

RLDSF ni urwego rwa leta rufasha neza kandi kugihe hagamijwe iterambere rirambye no kurwanya ubukene, nogushakisha andi mafaranga/Inkunga yoguteza imbere ibikorwa byo munzego z'ibanze.

III.INTEGO

Guterinkunga ibikorwa by'amajyambere mu nzego z'ibanze hagakoreshwa byibuzze 10% by'amafaranga agenerwa iki kigega.

IV.IBIKORWA BY'INGENZI

- 1° Gutera inkunga ibikorwa by'amajyambere mu nzego z'ibanze;
- 2° Gukora nk'umuhuza hagati y'inzego z'ibanze n'abaterankunga bi bikorwa by'iterambere;
- 3° Gushyiraho ingamba zo gusaranganya inkunga inzego z'ibanze;
- 4° Gukurikirana ikoresha ry'inkuga yatanzwe n'ikigega mu nzego z'ibanze;
- 5° Gushyiraho ingamba zo gutanga akazi kubatagafite no gufasha abadashoboye gukora;
- 6° Kugira uruhare mu gukangurira abaturage no kubongera ubushobozi bwo kwikemurira ibibazo;
- 7° Gukangurira abaturage kugira uruhare mu bikorwa by'amajyambere;
- 8° Gukangurira abaturage umuco wo kwizigamira no gukorana n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse;

9° Kwongera ubushobozi inzego z’ibanze bikubiye mu ntego z’ikigega;
 10° Gushakisha no gukusanya inkunga.
 Ariko mw’itegeko ryavuzwe haruguru inzego z’ibanze ntaburenganzira zifite bwo gukorana n’abaterankunga zo ubwazo.

V.INDANGAGACIRO Z’INGENZI

- Kureshyeshya;
- Gukoresha neza umutungo no gukora neza;
- Guhuzibikorwa;
- Gukorera mw’ituze ;
- Abaturage kugira uruhare mu bikorwa.

Serevisi zitangwa n’ikigega cy’igihugu gitsura amajyambere y’icyaro

Serevisi zitangwa n’ishami ry’iterambere ry’ubukungu Gusesengura imishinga itangwa n’inzego z’ibanze Ubwoko bwa serevisi: Gusesengura imishinga

Serevisi n’iyihe? Nujuje ibisabwa?	Ikigega cy’igihugu gitsura amajyambere y’icyaro cyakira imbanziriza mishinga y’inzego z’ibanze zigasesengurwa, ikazaterwa inkunga nyuma yo kugenzura ibyangombwa bisabwa(ibyangombwa by’umushinga, igenamigambi ry’akarere, imihigo, igenamigambi ry’umwaka)
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa kane saa kumi n’imwe zigicamunsi Kuwa gatanu n’uguhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi z’amanywa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itarenze 10 igihe ibyangombwa byose byuzuye.
Niba serevisi yishyuzwa, igiciro ni ikihe?	Nubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Ibyangombwa bikurikira nibyo bikenerwa : Ibi byangombwa bikurikira biba bikenewe:

Imishinga iterwa inkunga na leta:

Hari uburyo bubiri bwo gutanga isoko:

- A. Gutanga amasoko binyuze muwasinye amasezerano;
- B. Gutanga isoko binyuze mu kwegera abaturage bagaragaza uko babyumva

➤ **Mu gutanga amasoko binyuze binyuze muwasinye amasezerano ibikenerwa nibi bikurikira:**

● **Uko bisanzwe byishyurwa**

Kugaragaza urutonde rwuzuye rugaragaza imishinga igomba guterwa inkunga n'Igiciro kuri RLDSF

● **Ibindi byishyuwe**

1. Gahunda yuko amafaranga azinjira
2. Raporo y'Ikoreshwa ry'Umutungo y'Ubushize yakozwe
3. Raporo yaho ibikorwa bigeze
4. Hashingiwe kuri raporo y'Itsinda ribishinzwe rikorera aho ibikorwa biri, iyo ibisabwa bigaragaye ko bituzuye Umuyobozi mukuru wa RLDSF agira inama MINECOFIN yokudatanga ayo mafaranga

● **Kubijyanye nibigize icyerekezo cya gahunda y'Umurenge 2020 bisaba ibi bikurikira:**

● **Uko byishyuwe mbere**

1. Gutanga kuri RLDSF urutonde rurangiye rw'Abagenerwa bikorwa rutangwa na JADF kurwego rw'Umurenge, mu rwego rw'Ubufasha bwihuse,
2. Urutonde rw'Imishinga n'Abagenerwa bikorwa mugihe hakenewe serivisi muby'Umutungo n'Ibyemezo bya komite zitanga inguzanyo.

Ku imishinga ikoresha uburyo

**bwokubaza abaturage,
ibikenerwa nibi bikurikira:**

1. Amasezerano asinywe hagati
y'Akarere nabahagarariye
abaturage

2. Urwego ruzabigenzura

3. Raporo yemejwe yavuye
kubahagarariye abaturage

• **Ibindi byishyuwe**

1. Gahunda yuko amafaranga
azinjira

2. Raporo y'Ikoreshwa
ry'Umutungo y'Ubushize
yakozwe

ikitonderwa: aho bisaba icyemezo

cyokuba wararangije ibisabwa
byose nk'Ibisobanuro kuva kuri

kabiri kugeza kuri gatatu 2-3,
urutonde rw'Ibisuzumirwaho

rwemejwe na RLDSF

ruzagenzurwa kandi rube ishingiro

ryoguha MINECOFIN uburengazira

bwo kohereza ayo mafaranga mu
uturere.

Ku Imishinga iterwa inkunga

**KUMISHINGA ITERWA INKUNGA
N'ABATERANKUNGA**

Ibyerekeranye niyi mishinga,

inzandiko zisaba zoherezwa kuri

RLDSF. Ibikenewe nibi bikurikira:

• **ikiciro cya mbere**

- dosiye yo guhamagarira isoko

- ibyangombwa kugira ngo

upiganirwe isoko

- raporo yagenzuye ibyangombwa

- ibaruwa yagateganyo imenyeshya

n'iyaburundu igaragaza uwatsinze

- amasezeramo

- icyemezo cyigaragaza imirimo

myiza ya kozwe (kw'isoko riri

hijuru ya miriyoni

5,000,000 z'amafaranga

- kwemererwa n'ikigo cy'amasoko

ya leta kw'isoko riri hejuru ya

miriyoni 300,000,000

z'amafaranga

- amabwiriza y'isoko

	<ul style="list-style-type: none"> ● ikicro cya kabiri <ul style="list-style-type: none"> - raporo yaho ibikorwa bigeze -kopi ya sheke yo wishyuriweho ikicro cyambere - inyandiko igaragaza rwiyemezamirimo ko yatanze ibikoresho ● ikicro cya nyuma <ul style="list-style-type: none"> - raporo yaho ibikorwa bigeze (kugabanyirizwa ibicro, raporo yakira ibikorwa) - imyanzuro y'inama yakira ibikorwa byagateganyo - kopi yinyigo niba isoko ryatanzwe ari iryo, gukora inyigo - raporo ya nyuma igaragaza ibikorwa byagenzuwe. ● ibikubiye mw'isoko <ul style="list-style-type: none"> - ibyo ugomba kuba uwujuje - amasezerano hagati y'akarere n'itsinda rigiye gushyira mu bikorwa isoko - urutonde rw'itsinda n'imikono yabo
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe ?	<ul style="list-style-type: none"> -ujya mubunyamabanga rusange ikabyohoreza mw'ishami ribishinzwe, - ugatanga ibyangombwa byose bisabwa, - niba hari amakuru bagukeneyeho ajyanye no guterwa inkunga baba bazaguhamagara, - iyo ibyangombwa byose bimaze gutangwa inkunga inyuzwa kuri konti y'akarere bakagaragaza ayo mafaranga umushinga aje gukora.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igicro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Akarere, umujyi wa Kigali
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	Ikigo cy'igihugu gishinzwe gutanga amasoko ya leta.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo	Wasura urubuga: www.rldsf.gov.rw kugira ngo ubone amakuru.

serevisi?	
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Amategeko agenga ikigega cy'igihugu gitsura amajyambere y'icyaro.

Serevisi zitangwa n'ishami rirengera imibereho y'abaturage Gutanga inkunga ku batishoboye

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	Gutera inkunga imiryango itishoboye bayiha inkunga yo gutunga imiryango yabo.
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa kane saa kumi n'imwe zigicamunsi Kuwa gatanu n'uguhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itarenze 10 igihe ibyangombwa byose byuzuye.
Niba serevisi yishyuzwa, igiciro ni ikihe?	Serevisi itangirwa ubuntu.
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	<ul style="list-style-type: none"> • Guhererekanya amafaranga ubwambere: <ul style="list-style-type: none"> -ibaruwa isaba infashanyo -amazina y'abagenerwa bikorwa -imyanzuro y'inama y'ihuriro ry'ikigega cy'amajyambere • Guhererekanya ikiciro cya kabiri: <ul style="list-style-type: none"> - ibaruwa isaba infashanyo -inyandiko igaragaza amafaranga yoherejwe ubushize -raporo igaragaza amafaranga yoherejwe ubushize -raporo ijurira/kurenganurwa
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe ?	<ul style="list-style-type: none"> - Guhitamo abantu batishoboye mu mudugudu - Gutanga urutonde ku kagari no k'umurenge - Gusubira kugenzura urutonde na komite y'umurenge ifatanije n'inama y'ikigega cy'iterembere - Gutanga urutonde rw'abagenerwa bikorwa n'ibindi

	<p>by'angombwa bikenewe ku karere</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutanga ibyangombwa bivuzwe haruguru ku kigega cy'igihugu gishinzwe gutsura amajyambere y'icyaro
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero, nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	<ul style="list-style-type: none"> - Akarere n'umurenge aho umurenge w'ikitegererezo ukorera
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	Gusaba kurenganurwa binyuzwa mu mudugudu, akagari, umurenge, akarere ndetse no kwa Muvunyi.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Wasura urubuga: www.rldsf.gov.rw kugira ngo umenye amakuru mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	-
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Ntabyo

Gutanga amafaranga

Gutanga inguzanyo igamije kuzamura abakene

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	<p>Inshingano ya mbere ya viziyo umurenge n'ukuzamura uburyo abakene bahabwa amafaranga no kuzamura uduce tukiri inyuma abantu bashishikarizwa kuja mu bimina</p> <p>Abagenerwabikorwa ba viziyo umurenge bose bafite konti muri SACCO, bityo akaba ari impamvu amabanki, SACCO, n'ibigo by'imari iciriritse bigomba gukorera muri iyi mirengye kugira ngo bakomeze ibi bigo by'imari.</p> <p>Abantu bakangurirwa kuzigama ariko kuzigama ntaho ari itegeko (n'ubushake), bityo viziyo umurenge ikaba itabigenzura. Kuzigama biba bigamije kurwanya ubukene, bityo kubona inguzanyo bikoroha. Iyo inguzanyo zimaze kuba nyinshi mu murenge zirandura</p>
------------------------------------	--

	ubukene. Abemerewe n'abari mu byiciro icya 1,2,3,cy'UBUDEHE, ku bantu,amatsinda, cyangwa koperative bahabwa inguzanyo; ingo ziri mu kicio cya 4,5, na 6 cy'UBUDEHE nabo bahabwa inguzanyo
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa kane saa kumi n'imwe z'igicamunsi Kuwa gatanu n'uguhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi z'amanywa
Uherye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itarenze 10 igihe ibyangombwa byose byuzuye.
Niba serevisi yishyuzwa, igiciro ni ikihe?	Serevisi itangirwa ubuntu.
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Imbanzirizamushinga y'umushinga ubyara inyungu, -nimeru ya konti, - Imihigo y' Umudugudu, akagari, umurenge (biterwa n'usaba inguzanyo aho aherereye).
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe ?	- Gusaba byoherezwa mu kigega cy'igihugu, - Wohereza ibyangombwa bivuzwe haruguru mu mushinga wa viziyo umurenge,
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Akarere, umurenge, akagari
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	Gusaba kurenganurwa binyura mu mudugudu, inama rusange y'akagari, njanama y'umurenge, niy'akarere no k'umuvunyi
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Inguzanyo ntarengwa: -Amafaranga ibihumbi 60,000 k'umuntu, -Amafaranga ibihumbi 70,000 kuri buri muntu wo mw'itsinda ry'abantu hagati ya 2 na 5,

	<p>- Amafaranga ibihumbi 80,000 kuri buri muntu wo mw'itsinda ry'abantu hagati ya 6 na 10,</p> <p>- Amafaranga ibihumbi 100,000 kuri buri muntu wo mw'itsinda ry'abantu 11 no kuzamura Kwishyura bikorwa mu kwezi, amazi 3, cyangwa 6. Kwishyura ntibigomba kurenga amezi 12. Inyungu ingana 2% k'umwaka Ntacyo utanga nkubwishingizi Amafaranga nay'abaturage. Kwizerana nokumenyana kw'abaturage n'ibyo bishingirwaho mu kwishyura.</p>
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Ntabwo

**Gutanga inkunga y'amafaranga
Ikigega kirwanya ubukene**

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	<p>Ingo zikenye mu cyaro zihura n'ibibazo bituma zidashobora kugira umusaruro uhagije cyangwa kubona inyungu zikomoka k'umusaruro. Ikigega cyo kurwanya ubukene kigerageza gukuraho inzitizi gifasha abaturage kugera kw'isoko no kumenya amakuru, gushyiraho uburyo bwo gukora n'ubucuruzi bw'imyaka buciriritse n'ibindi. Mu rwego ry'inkunga ikigega cyirwanya ubukene gifasha kugurisha no kw'ubaka ibikorwa remezo bikenera amafaranga menshi. Abanyamuryango basabwa kugira uruhari batanga amafaranga fatizo y'igikorwa asigaye viziyo umurenge ikayatanga. Ikigega kirwanya ubukene kigamije gushorimari mu buhinzi no gushaka isoko ry'iyi myaka. Gutanga ibyuma byifashishwa mu buhinzi nka(ibyuma bisya ibigori, amasaka, imyumbati) ibyuma binini nka(ibyuma bitanga amashanyarazi, karagita zihinga,</p>
------------------------------------	--

	n'ibindi bikoresho by'ubuhinzi; ububiko bw'imyaka/ibigega bihunika imyaka n'amasoko aciriritse. Ikigega kirwanya ubukene gikorera mu mirenge 10 gusa, ariko kizagezwa mu mirenge 60 ikorerwamo na viziyo umurenge muri 2011/2012
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa kane saa kumi n'imwe z'igicamunsi Kuwa gatanu n'uguhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi z'amanywa
Uherye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itarenze 10 igihe ibyangombwa byose byuzuye.
Niba serevisi yishyuzwa, igiciro ni ikihe?	Serevisi itangirwa ubuntu.
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibyangombwa bisaba -Ibyangombwa by'imbanzirizamushinga
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe ?	Gusaba byoherezwa mu kigega cy'igihugu, - Wohereza ibyangombwa bivuzwe haruguru mu mushinga wa viziyo umurenge,
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Akarere, umurenge, akagari
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Wasura urubuga: www.rlds.gov.rw kugira ngo umenye amakuru.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Ntabyo

Kurwanya Ubukene

Ubwoko bwa serevisi: Guha abakene imirimo rusange ibafitiye inyungu mu rwego rwo kurwanya ubukene

<p>Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?</p>	<p>Gutanga akazi kunyubako rusange Abemerewe n'abakene bari mukiciro cya 1, n'icyakabiri 2 cy'UBUDEHE byibuze bafite umuntu ukuze umwe ushobora gukora akazi kingufu. Ntago buri wese abona akazi birerwa n'ingengiyimari ndetse n'akazi ukokangana.</p> <p>Imirimo rusange ikorwa n'iyoy kurengera ibidukikije (cyane cyane imirwanyasuri, amaterasi y'indinganire cyangwa gukora imihanda). Mu bihe gishize imirimo itandukanye yarakozwe, nka kwubaka amashuri, amasoko, amavumo, amavuriro, amateme n'ibiraro</p>
<p>Serevisi itangwa ryari?</p>	<p>Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa kane saa kumi n'imwe z'igicamunsi Kwa gatanu saa moya za mugitondo kugeza saa kumi z'igicamunsi</p>
<p>Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</p>	<p>Iminsi itarenze 10 igihe ibyangombwa byose byuzuye.</p>
<p>Niba serevisi yishyuzwa, igiciro ni ikihe?</p>	<p>Serevisi itangirwa ubuntu.</p>
<p>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</p>	<p>Ibi byangombwa bikurikira biba bikenewe: Imishinga iterwa inkunga na leta: Hari uburyo bubiri bwo gutanga isoko: 1. Gutanga amasoko binyuze muwasinye amasezerano; 2. Gutanga isoko binyuze mu kwegera abaturage bagaragaza uko babyumva ➤ Mu gutanga amasoko</p>

	<p>binyuze binyuze muwasinye amasezerano ibikenerwa nibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Uko bisanzwe byishyurwa Kugaragaza urutonde rwuzuye rugaragaza imishinga igomba guterwa inkunga n'Igiciro kuri RLDSF • Ibindi byishyurwe <ol style="list-style-type: none"> 1. Gahunda yuko amafaranga azinjira 2. Raporo y'Ikoreshwa ry'Umutungo y'Ubushize yakozwe 3. Raporo yaho ibikorwa bigeze 4. Hashingiwe kuri raporo y'Itsinda ribishinzwe rikorera aho ibikorwa biri, iyo ibisabwa bigaragaye ko bituzuye Umuyobozi mukuru wa RLDSF agira inama MINECOFIN yokudatanga ayo mafaranga • Kubijyanye nibigize icyerekezo cya gahunda y'Umurenge 2020 bisaba ibi bikurikira: • Uko byishyurwe mbere <ol style="list-style-type: none"> 1. Gutanga kuri RLDSF urutonde rurangiye rw'Abagenerwa bikorwa rutangwa na JADF kurwego rw'Umurenge, mu rwego rw'Ubufasha bwihuse, 2. Urutonde rw'Imishinga n'Abagenerwa bikorwa mugihe hakenewe serivisi muby'Umutungo n'Ibyemezo bya komite zitanga inguzanyo. • Ku imishinga ikoresha uburyo bwokubaza abaturage, ibikenerwa nibi bikurikira: <ol style="list-style-type: none"> 1. Amasezerano asinywe hagati y'Akarere nabahagarariye abaturage
--	---

2. Urwego ruzabigenzura
3. Raporo yemejwe yavuye kubahagarariye abaturage
 - **Ibindi byishyuwe**
 1. Gahunda yuko amafaranga azinjira
 2. Raporo y'Ikoreshwa ry'Umutungo y'Ubushize yakozwe

ikitonderwa: aho bisaba icyemezo cyokuba wararangije ibisabwa byose nk'Ibisobanuro kuva kuri kabiri kugeza kuri gatatu 2-3, urutonde rw'Ibisuzumirwaho rwemejwe na RLDSF ruzagenzurwa kandi rube ishingiro ryoguha MINECOFIN uburengazira bwo kohereza ayo mafaranga mu uturere.

**Ku Imishinga iterwa inkunga
KUMISHINGA ITERWA INKUNGA
N'ABATERANKUNGA**

Ibyerekeranye niyi mishinga, inzandiko zisaba zoherezwa kuri RLDSF.

• **Ikicro cya mbere**

- Dosiye yo guhamagarira isoko
- Ibyangombwa bigaragazwa mugupiganirwa isoko
- Raporo yagenzuye ibyangombwa
- Ibaruwa yagateganyo n'iyaburundu igaragaza uwatsinze
- Amasezeramo
- Icyemezo cyigaragaza imirimo myiza ya kozwe (kw'isoko riri hijuru ya miriyoni 5,000,000 z'amafaranga
- Kwemererwa n'ikigo cy'amasoko ya leta kw'isoko riri hejuru ya miriyoni 300,000,000 z'amafaranga
- Amabwiriza y'isoko

• **Ikicro cya kabiri**

- Raporo yaho ibikorwa bigeze
- Kopi ya sheke yo wishyuriweho ikicro cyambere ubushize
- Inyandiko igaragaza

	<p>rwiyemezamirimo ko yatanze ibikoresho</p> <ul style="list-style-type: none"> ● Ikiciro cya nyuma <ul style="list-style-type: none"> - Raporo yaho ibikorwa bigeze (kugabanyirizwa ibiciro, raporo yakira ibikorwa) -Imyanzuro y'inama yakira ibikorwa byagateganyo - Kopi yinyigo niba isoko ryatanzwe ari iryo gukora inyigo - Raporo ya nyuma igaragaza ibikorwa byagenzuwe. ● Ku imishinga ikoresha uburyo bwokubaza abaturage, ibikenerwa nibi bikurikira: <ul style="list-style-type: none"> - Ibyo ugomba kuba uwujuje: - Amasezerano hagati y'akarere n'itsinda rigiye gushyira mu bikorwa isoko - Urutonde rw'itsinda n'imikono yabo <p>ikitonderwa: aho bisaba icyemezo cyokuba wararangije ibisabwa byose nk'Ibisobanuro kuva kuri kabiri kugeza kuri gatatu 2-3, urutonde rw'Ibisuzumirwaho rwemejwe na RLDSF ruzagenzurwa kandi rube ishingiro ryoguha MINECOFIN uburengazira bwo kohereza ayo mafaranga mu uturere.</p>
<p>Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe ?</p>	<ul style="list-style-type: none"> -Ujya mw'ishami ry'iterambere ry'ubukungu bw'icyaro, -Gugatanga ibyangombwa byose bisabwa, - Niba hari amakuru bagukeneyeho ajyanye no guterwa inkunga bazaguhamagara, - Iyo ibyangombwa byose bimaze gutangwa inkunga inyuzwa kuri konti y'akarere bakagaragaza ayo mafaranga umushinga aje gukora.
<p>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</p>	<p>Akarere, umujyi wa Kigali</p>

Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	Gusaba kurenganurwa binyura mu murenge, akarere no mubuyobozi bwa RLDSF.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Wasura urubuga: www.rlds.gov.rw for kugira ngo umenye ibiruseho mu gihe cy'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Ntabwo

Kurwanya ubukene binyuze m' UBUDEHE

Ubwoko bwa serevisi: Gutera inkunga abakene nyakujya n'imishinga mu midugudu

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	Ingamba zo kurwanya ubukene izwi kw'izina ry'Ubudehe zashyizweho mu rwego kurwanya ubukene. Gusuzuma byakozwe mu tugari hagamijwe: -Kumenya imiterere y'ubukene mu Rwanda, ukuntu abakene babyakira n'ingaruka; -kumenya ingamba zikoreshwa n'abaturage mu kurwanya ubukene. -Gukusanya imibare yifashishwa n'uturere mw'igenamigambi; -Gushyiramubikorwa politike aho abaturage bagomba kugira uruhari mu kurwanya ubukene izwi kw'izina ry'UBUDEHE.
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa kane saa kumi n'imwe zigicamunsi Kuwa gatanu n'uguhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi z'amanya
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itarenze 7 igihe ibyangombwa byose byuzuye. Iminsi 10 mugihe bigomba gusubira mu karere, ibyangombwa bituzuye
Niba serevisi yishyuzwa, igiciro ni ikihe?	Serevisi itangirwa ubuntu.
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Imbanzirizamushinga -Inyanzuro y'inama ya komite y' UBUDEHE

	- Inkunga yasabwe n'imyanzuro y'inama
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe ?	- Kwemerwa kw'umushinga na komite y'umudugudu y' UBUDEHE - Gutanga kopi z'ibyangombwa byose bikenewe ku kigega cy'igihugu, - Inkunga yoherezwa kuri konti ya komite y'UBUDEHE y'umudugudu binyuze muri banki y'abaturage n'amashami yayo -Inkunga itangwa mu kigega cy'igihugu
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Akarere, akagari, umurenge, ikigega cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'icyaro
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	Gusaba kurenganurwa wabisaba nk'umuntu ku giti cyawe cyangwa ukandikira umuyobozi mukuru wa RLDSF, ubuyobozi bw'akarere, umurenge, akagari ahabereye ikibazo.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Wasura urubuga: www.rlds.gov.rw for kugira ngo umenye ibiruseho mu gihe cy'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	- Itegeko rishyiraho ikigega cy'igihugu gishinzwe gutsura amajyambere y'icyaro

Serevisi zitangwa n'ishami rishinzwe guhuza serevisi z'itezimbere ry'abaturage Inzira zinyurwamo kubona amafaranga yishyurwa ku mirimo rusange yakozwe

Ubwoko bwa serevisi: Ubuyobozi bw'igihugu imisoro n'amahoro

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	Uturere, imirenge, bishyura amafaranga yo kwishyura imirimo yakozwe mu RLDSF hakurikijwe amabwiriza yabugenewe.
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa kane saa

	kumi n'imwe zigicamunsi Kuwa gatanu n'uguhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Ntirenza iminsi 15
Niba serevisi yishyuzwa, igicro ni ikihe?	Serevisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Ibi byangombwa bikurikira biba bikenewe: Imishinga iterwa inkunga na leta: Hari uburyo bubiri bwo gutanga isoko: A. Gutanga amasoko binyuze muwasinye amasezerano; B. Gutanga isoko binyuze mu kwegera abaturage bagaragaza uko babyumva ➤ Mu gutanga amasoko binyuze binyuze muwasinye amasezerano ibikenerwa nibi bikurikira: ● Uko bisanzwe byishyurwa Kugaragaza urutonde rwuzuye rugaragaza imishinga igomba guterwa inkunga n'Igicro kuri RLDSF ● Ibindi byishyurwa 1. Gahunda yuko amafaranga azinjira 2. Raporo y'Ikoreshwa ry'Umutungo y'Ubushize yakozwe 3. Raporo yaho ibikorwa bigeze 4. Hashingiwe kuri raporo y'Itsinda ribishinzwe rikorera aho ibikorwa biri, iyo ibisabwa bigaragaye ko bituzuye Umuyobozi mukuru wa RLDSF agira inama MINECOFIN yokudatanga ayo mafaranga ● Kubijyanye nibigize icyerekezo cya gahunda y'Umurenge 2020 bisaba ibi

	<p>bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Uko byishyuwe mbere <ol style="list-style-type: none"> 1. Gutanga kuri RLDSF urutonde rurangiye rw'Abagenerwa bikorwa rutangwa na JADF kurwego rw'Umurenge, mu rwego rw'Ubufasha bwihuse, 2. Urutonde rw'Imishinga n'Abagenerwa bikorwa mugihe hakenewe serivisi muby'Umutungo n'Ibyemezo bya komite zitanga inguzanyo. <p>Ku imishinga ikoresha uburyo bwokubaza abaturage, ibikenerwa nibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Amasezerano asinywe hagati y'Akarere nabahagarariye abaturage 2. Urwego ruzabigenzura 3. Raporo yemejwe yavuye kubahagarariye abaturage <ul style="list-style-type: none"> • Ibindi byishyuwe <ol style="list-style-type: none"> 1. Gahunda yuko amafaranga azinjira 2. Raporo y'Ikoreshwa ry'Umutungo y'Ubushize yakozwe <p>ikitonderwa: aho bisaba icyemezo cyokuba wararangije ibisabwa byose nk'Ibisobanuro kuva kuri kabiri kugeza kuri gatatu 2-3, urutonde rw'Ibisuzumirwaho rwemejwe na RLDSF ruzagenzurwa kandi rube ishingiro ryoguhaha MINECOFIN uburengazira bwo kohereza ayo mafaranga mu uturere.</p> <p>Ku Imishinga iterwa inkunga Ibyerekeranye niyi mishinga, inzandiko zisaba zoherezwa kuri RLDSF:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Ikiciro cya mbere <ul style="list-style-type: none"> - Dosiye yo guhamagarira isoko - Ibyangombwa bigaragazwa mu gupiganirwa isoko - Raporo yagenzuye ibyangombwa
--	---

	<ul style="list-style-type: none"> - Ibaruwa yagateganyo n'iyaburundu igaragaza uwatsinze - Amasezeramo - icyemezo cyigaragaza imirimo myiza ya kozwe (kw'isoko riri hijuru ya miriyoni 5,000,000 z'amafaranga - Kwemererwa n'ikigo cy'amasoko ya leta kw'isoko riri hejuru ya miriyoni 300,000,000 z'amafaranga - Amabwiriza y'isoko ● Ikiciro cya kabiri - Raporo yaho ibikorwa bigeze -Kopi ya sheke yo wishyuriweho ikiciro cyambere - Inyandiko igaragaza rwiyezeza mirimo ko yatanze ibikoresho ● Ikiciro cya nyuma - Raporo yaho ibikorwa bigeze (kugabanyirizwa ibiciro, raporo yakira ibikorwa) - Imyanzuro y'inama yakira ibikorwa byagateganyo - Kopi yinyigo niba isoko ryatanzwe ari iryo gukorerwa inyigo - Raporo ya nyuma igaragaza ibikorwa byagenzuwe. ● Ku imishinga ikoresha uburyo bwokubaza abaturage, ibikenerwa nibi bikurikira: - Ibyo ugomba kuba uwujuje - Amasezerano hagati y'akarere n'itsinda rigiye gushyira mu bikorwa isoko - Urutonde rw'itsinda n'imikono yabo <p>ikitonderwa: aho bisaba icyemezo cyokuba wararangije ibisabwa byose nk'Ibisobanuro kuva kuri kabiri kugeza kuri gatatu 2-3, urutonde rw'Ibisuzumirwaho rwemejwe na RLDSF ruzagenzurwa kandi rube ishingiro ryoguha MINECOFIN uburengazira bwo kohereza ayo mafaranga mu uturere.</p>
--	---

Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe ?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Inkunga ya RLDSF itangwa mu nzego z'ibanze nyuma yo genzura ibyangombwa no kugenzura uko izishyurwa; ▪ Ishami ry'ubucungamari rigomba gutanga inkunga binyuze mu mucu kandi neza. ▪ Kwishyura bikorwa mwizina kandi kuri konti y'inzego z'ibanze; ▪ Kwishyura bikorwa binyuze muri konti bikoze n'ishami ry'ubucungamari hakabikwa kopi ya banki isinyweho na banki.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero, nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Minisiteri y'imari n'igenamigambi (Ishami y'Ingengo y'Imali), Uturere
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	Kurenganurwa bikorwa binyujijwe k'umuyobozi mukuru w'ikigega cy'igihugu gitsura amajyambere
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Wasura urubuga: www.rlds.gov.rw for kugira ngo umenye ibiruseho mu gihe cy'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Ntabwo

**Gutanga amasoko binyuze mu kigega cy'igihugu
Ubwoko bwa serevisi: Ubuyobozi bw'igihugu imisoro n'amahoro**

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	<p>Serevisi y'amasoko mu kigega cy'igihugu niyo ishinze gutanga amasoko kuva muntangiriro kugeza kundunduro. Kandi iyi serevisi ifasha abantu cyangwa ibigo bishaka gutanga amasoko bifitanye amasezerano n' ikigega cy'igihugu mu buryo bukurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> -Gutangaza isoko mu binyamakuru, -Gukora ubugenzuzi mu bw'imari, -Gukora raporo no kumenyesha abatsinziye isoko, -Kureba ko amasezerano
------------------------------------	---

	yubahirijwe bafatanije n'abagenerwa bikorwa, -Kwakira no kubika amabashasha/ dosiye zipiganwa, gutangaza no gutanga ubutumire bwo gupiganwa
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya za mugitondo kugeza kuwa kane saa kumi n'imwe zigicamunsi Kuwa gatanu n'uguhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Igihe isoko rimara biterwa n'ubwoko bw'isoko.
Niba serevisi yishyuzwa, igiciro ni ikihe?	Kugura dosiye ikubiyemo isoko
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Uruhushya ry'ubucuruzi, inyandiko igaragaza ko ntamwenda ubureyemo leta itangwa n'ikigo cy'imisoro n'amahoro; ariko hashobora kwiyongeraho ibindi bitewe n'ubwoko bw'isoko.
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe ?	- Abantu cyangwa ibigo bikeneye isoko bagomba kugura inyandiko ikubiyemo isoko mw'ishami ry'amasoko mu kigeza cy'igihugu -Dosiye y'isoko iba ikubiyemo ibikenewe ndetse harimo n'amasezerano - Abantu cyangwa ibigo bakeneye ubufasha bujyanye n'amasoko bajya mw'ishami ry'imari n'umutungo.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Akanama k'amasoko, Banki nkuru y'igihugu, cyangwa ikigo cy'imisoro n'amahoro umaze gutanga amafaranga
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	Iyo ari serevisi wandikira umuyobozi mukuru w'ikigeza cy'igihugu. Iyo ikibazo cyidakemutse ujyana ikibazo cyawe mu kanama k'amasoko. Kandi ikirego gitangwa mu minsi 7 umaze kubona ibaruwa ikumenyeshya.

Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone icyo serevisi?	Wasura urubuga: www.rlds.gov.rw for kugira ngo umenye ibiruseho mu gihe cy'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Itegeko rishyiraho ikigega cy'igihugu gishinzwe gutsura amajyambere y'icyaro

Serivisi zitangwa n'Urwego rw'Ubuyobozi rushinzwe igenamigambi, kugenzura nogusuzuma

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	<p>Serivisi zitangwa nuru rwego rukurikira nizi:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Igenamigambi rifite icyerekezo rya RLDSF - Gukurikirana ishyingirwa mubikorwa ry'Iri genamigambi rya RLDSF haba kurwego rwiki kigo cyangwa mu nzego zibanze - Gutegura, gutanga noguhuza raporo z'Ukwezi, izigihembwe niz'Umwaka - Raporo zihoraho z'Ishyingirwa mubikorwa rya gahunda n'Imishinga iterwa inkunga niki kigo cya RLDSF - Kugira uruhare rugaragara mubikorwa by'Imishinga irimo gushyingirwa mubikorwa - Gutanga isesengura ry'Ingaruka ku imishinga ishyingirwa mubikorwa - Gukora igenzura n'Isuzuma kungaruka k'Uburyo buhoraho kuri gahunda n'Imishinga iterwa inkunga na RLDSF ku nzego zigereye abaturage - Gutanga inama aho zikwiye muri politiki zagahunda zirimo gushyingirwa mubikorwa na RLDSF - Gukora isuzuma nogushyira mu mwanya politiki zishyingirwa mubikorwa n'aIkigo cya RLDSF
Serevisi itangwa ryari?	Kuwa mbere kugeza kuwa kane guhera saa moya zamugitondo kugeza saa kumi nimwe zakumugoroba: (7:00 am to 5:00)

	pm) Kuwa gatanu guhera saa moya zamugitondo kugeza saa kumi zakumanywa: (7:00 am to 4:00 pm)
Uherye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Gusuzuma iyi dosiye ntibireza iminsi cumi nitanu y'Imibyizi kuva aho ubisabiye.
Niba serevisi yishyuzwa, igiciro ni ikihe?	Iyi serivisi ntiyishyurwa.
Nibiki bisabwa kugirango ubone serevisi?	Kwandika hakoreshejwe ikoranabuhanga cyangwa hakoreshejwe inyandiko isanzwe
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Ntabyo
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Ntazo
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero, nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	-
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	Buri gihe wasura urubuga rwa interineti kuri: www.rldsf.gov.rw ukabona amakuru ukeneye mu masaha y'Akazi.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Ntabyo
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	-

Itariki ya:

Byemejwe na :

NKUNDA Laetitia
Umuyobozi Mukuru wa RLDSF